REPUBULIKA Y'U RWANDA

Nyagatare kuwa, 21/01/2019

No.05.....07.05.02.09/TC

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NYAGATARE
P.O Box 20 NYAGATARE
TEL/FAX: 565249
E-mail: nyagataredistrict@minaloc.gov.rw

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba -**RWAMAGANA**

Impamvu: Imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe yo kuwa 11/01/2019

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Nyagatare yateranye kuwa **11/01/2019** nkuko muyisanga kumugereka .

Mugire amahoro.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAGATARE

ATUKUNDA RUKEBA Chantal

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare

Bimenyeshejwe:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu-**Kigali**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare

Scanned by CamScanner

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA, AKARERE KA NYAGATARE
INAMA NJYANAMAY'AKARERE KA NYAGATARE

IMYANZURO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA NYAGATARE YO KUWA 11 MUTARAMA 2019

Ku italiki ya 11 Mutarama 2019 ku isaha ya saa yine zuzuye za mu gitondo (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Akarere cya PDERCIU hateraniye Inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare iyobowe n'Umuyobozi wayo Madamu ATUKUNDA RUKEEBA Chantal. Umuyobozi w'inama yatangiye yifuriza abitabiriye inama umwaka mushya aboneraho kubibutsa impanuro Umukuru w'Igihugu yatanze mu nama y'Igihugu y'Umushyikirano isoza umwaka wa 2018.

Abajyanama Bitabiriye Inama;

1. Umujyanama Atukunda Rukeeba Chantal
2. Umujyanama BIZIMANA J.Bosco
3. Umujyanama BUSINGE Rose Bella
4. Umujyanama GAKWAYA Charles
5. Umujyanama IYAKAREMYE Dieudonne
6. Umujyanama KARANGWA Scovia
7. Umujyanama KATARI Gedeon
8. Umujyanama KAYITESI Florence
9. Umujyanama MANARIYO Fatuma
10. Umujyanama MUKAMUSONI Ancille
11. Umujyanama MUKANDAYISENGA Donatille
12. Umujyanama MUKAWERA Marguerite
13. Umujyanama MUKURIZEHE Annualite
14. Umujyanama MUREKATETE Juliette
15. Umujyanama MUSHABE David Claudien
16. Umujyanama NIYONZIMA George
17. Umujyanama NSHIMIYUMUREMYI Ildephonse

Scanned by CamScanner

18. Umujyanama NTIRENGANYA RUHIRA Benoit
19. Umujyanama NTUNZWENIMANA Martin
20. Umujyanama RUBAGUMYA Sam
21. Umujyanam RUKUNDO Mike
22. Umujyanama RURANGWA Steven
23. Umujyanama RWIHIMBA RUHUMURIZA Claude
24. Umujyanama SHEMA Emmanuel
25. Umujyanama TUMUKUNDE Chantal Josephine
26. Umujyanama TWIZEYIMANA Joseph

Abajyanama Batitabiriye Inama ariko batanze Impamvu

1. Umujyanama NALUBEGA Kengiri Cissy
2. Umujyanama. NTAMBARA Phocas

Abajyanama Batitabiriye Inama batatanze Impamvu

1. Umujyanama NTAZINDA BADEGE Sam

Abatumirwa bitabiriye Inama:

- Uhagarariye Ingabo
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere
- Umuyobozi w'Imirimo Rusange
- Umuyobozi wa REG/EUCR
- Abayobozi b'amashami
- Abaperezida b'Inama Njyanama b'Imirenge
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge

Ingingo zari ku murongo w'ibyigwa:

1. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe iheruka;
2. Kugezwaho imyanzuro y'inama y'Abaperezida;
3. Kugezwaho raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi by'amezi atandatu;
4. Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere igihembwe cya kabiri y'umwaka wa 2018-2019;
5. Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta;
6. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2018-2019 (Budget Execution Q2 2018-2019);
7. Ibindi.

Scanned by CamScanner

Ingingo ya mbere: Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe iheruka;

Icyemezo N^0 001/NDC/01/2019:

Abari mu nama Njyanama bagejejweho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama iheruka yo kuwa 06 Ukwakira 2018 basanga yarashyizwe mubikorwa muburyo bukurikira;

Imyanzuro yashyizwe mu bikorwa 100% ni 6/8 bihwanye na: **75%**

Imyanzuro yashyizwe mu bikorwa igice ni 1/8 bihwanye na : 12.5%

Imyanzuro itarashyirwa mu bikorwa ni 1/8 bihwanye na :12.5%

Inama yasabye Komite Nyobozi kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro itarashyirwa mu bikorwa.

Icyemezo N^0 02/NDC/01/2019:

Inama Njyanama imaze gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku kibazo cy'abaturage bo mu Murenge wa Gatunda batahawe ingurane ahubakwa ikigo cya Gisirikare cya BUGUMA mu Murenge wa Gatunda, Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gufatanya n'Ubuyobozi bw'Ingabo mu Karere bagakurikirana ikibazo cy'abo baturage basigaye batishyuwe bakarenganurwa.

Ingingo ya kabiri: Kugezwaho imyanzuro y'inama y'Abaperezida;

Icyemezo N^0 03/NDC/01/2019: Inama Njyanama yagejejweho imyanzuro y'inama y'Abaperezida y'igihembwe cya kabiri 2018-2019, bityo ifata imyanzuro ikurikira:

Umwanzuro nimero ya mbere:

Mu rwego rwo kurushaho kumenya amakuru y'abinjira n'abasohoka mu Karere hagamijwe kubungabunga umutekano mu baturage Inama Njyanama yemeje ko hashyirwaho urupapuro rumwe (Formulaire) rukusanyirizwaho amakuru y'abinjira n'abasohoka mu Karere ka Nyagatare; iyi formulaire ikajya yuzuzwa ku rwego rw'isibo, bityo raporo ya buri rwego ikazajya itangwa ku rwego rwisumbuye ari imwe. Mu bwiganze busesuye Inama Njyanama yasabye ko icyo gikorwa kihutishwa.

Umwanzuro nimero ya kabiri:

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze gusuzuma ikibazo cy'amafaranga yashyizwe muri za SACCO muri gahunda ya financial services ahabwa abaturage ntiyishyurwe uko bikwiriye,

Scanned by CamScanner

basabye ko ayo mafaranga yishyuzwa Kandi Komite Nyobozi igatanga gahunda n'ingamba zafashwe kuri buri Murenge zo kwishyuza ayo mafaranga.

Umwanzuro nimero ya gatatu:

Murwego rwo kurushaho kubahiriza amategeko, Inama Njyanama imaze gusanga manda ya Biro ya za Komisiyo imara imyaka ibiri n'igice, nkuko iteka rya Minisitiri n° 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane mu ngingo yaryo ya 33 , Inama Njyanama yakiriye inemeza ibyavuye mumatora ya za Komisiyo zigize Inama Njyanama. Abagize Biro z'amakomisiyo bemejwe muburyo bukurikira :

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza

- Umujyanama NIYONZIMA George – Umuyobozi wa Komisiyo
- Umujyanama NTUNZWENIMANA Martin – Umunyamabanga wa Komisiyo.

Komisiyo y'Imibereho Myiza y'Abaturage

- Umujyanama MUKAWERA Marguerite - Umuyobozi wa Komisiyo
- Umujyanama NSHIMIYUMUREMYI Ildephonse Umunyamabanga wa Komisiyo

Komisiyo y'Iterambere by'Ubukungu

- Umujyanama NTAMBARA Phocas -Umuyobozi wa Komisiyo
- Umujyanama KAYITESI Florance - Umunyamabanga wa Komisiyo

Komite Ngenzuzi hemejwe aba bukurikira;

- Umujyanama GAKWAYA Charles – Umuyobozi wa Komite
- Umujyanama RWIHIMBA J.Caude - Umunyamabanga wa Komite

Abandi bagize Komite ngenzuzi

- Umujyanama NALUBEGA Kengiri Cisy,
- Umujyanam BUSINGE Rose Bella
- Umujyanama SHEMA Emmanuel

Umwanzuro nimero ya kane :

Mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa by'Inama Njyanama mu Baturage, kubasobanurira gahunda za Leta no kubakemurira ibibazo, Inama Njyanama yemeje ko hakorwa icyumweru cy'umujyanama cyikazatangira mu ntangiro z'ukwezi kwa Gashyantare 2019. Inama yasabye Komisiyo y'Imiyoborere myiza gufatanya na Komite Nyobozi kubitegura.

Scanned by CamScanner

Umwanzuro nimero ya gatanu:

Inama Njyanama yemeje ko hazabaho inama y'ihuriro ry'abaturuka mu Karere ka Nyagatare batagatuyemo "Diaspora y'Akarere". Bityo iyo nama ikazakorwa mumpera z'ukwezi kwa Gashyantare 2019. iyo nama ikaba igamije gushakira hamwe ingamba z'iterambere ry'Akarere.

Umwanzuro nimero ya gatandatu: Inama Njyanama yemeje ko hategurwa inama ihuza abagore bari munzego z'ubuyobozi kuva ku rwego rw'Umudugudu kugera ku rwego rw'Akarere mu rwego rwo gufata ingamba ku ruhare rw'abo mu gukemura ibibazo binyuranye byugarije Akarere birimo: Imirire mibi, isuku idahagije, ibiyobyabwenge, ihohoterwa ndetse no kurushaho kubakangurira kugira uruhare mu ishyirwa mubikorwa ry'ingamba zifatwa muri gahunda za Leta. Hemejwe ko iyo nama izakorwa mu mataliki ya mbere y'ukwezi kwa Werurwe 2019.

Umwanzuro nimero ya karindwi:

Inama Njyanama yemeje ko abahagarariye ibyiciro by'ihariye; Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Abafite Ubumuga n'Uhagarariye Abikorera (PSF) mu Karere, bazajya bahabwa umwanya byumwihariko bakageza raporo y'ibyo byiciro bahagarariye mu nama Njyanama y'Akarere, bityo ibyo binakorwe no kubahagarariye ibyo byiciro mu nzego z'Imirenge n'Utugari.

Ingingo ya gatatu: Kugezwaho raporo y'ibikorwa bya Komite Nyobozi by'amezi atandatu;

Icyemezo N^{0} 04/NDC/01/2019:

Abagize inama Njyanama y'Akarere ka Nyagatare bagejejweho na Komite Nyobozi y'Akarere ibikorwa byakozwe mu mezi atandatu ashize bashimira ibyashoboye gukorwa ariko basaba ko hashyirwa imbaraga mu bikorwa by'imibereho myiza ndetse niby'iterambere ry'abaturage. Abagize Inama Njyanama kandi basabye ko muri raporo y'ibikorwa bya komite Nyobozi y'ubutaha bazagaragaza impact y'bikorwa baba bakoze.

Scanned by CamScanner

Ingingo ya kane: **Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere igihembwe cya kabiri y'umwaka wa 2018-2019;**

Icyemezo N° 05/NDC/01/2019:

Abagize Inama Njyanama bagejejweho ishyirwamubikorwa ry'imihigo y'Akarere igihembwe cya kabiri mu mwaka wa 2018/2019, bashimira ubushake Komite Nyobozi n'Abafatanyabikorwa b'Akarere bagaragaza mu mihigo, basaba ko hashyirwamo imbaraga kuko imihigo itandukanye icyeneye kuzamurwa kurusha igipimo iriho. Imihigo ikaba imaze gushyirwa mubikorwa kuburyo bukurikira;

Ubukungu: 44%

Imibereho myiza: 50.1%

Imiyoborere myiza: 65.4%

Yose hamwe: 50.7%

Ingingo ya gatanu: Kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta;

Icyemezo N° 06/NDC/01/2019:

Inama Njyanama imaze kugezwaho raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta, yashimiye ibimaze gukosorwa ariko isaba Komite Ngenzuzi mu nama njyanama kurushaho gukorana n'ubunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Akarere bityo n'ibindi bigakorwa hagamijwe gukosora hakurikijwe inama z'umugenzuzi mukuru w'imari ya leta. Ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta ubu rigeze ku kigereranyo cya :

Inama zose zatanzwe ni:88

Izashyizwe mu bikorwa 100% ni 53/88 zihwanye na: 60.2%

Izashyizwe mu bikorwa igice ni 6/88: zihwanye 6.9%

Izitarashyirwa mu bikorwa ni 29/88: zihwanye 32.9%

Scanned by CamScanner

Ingingo ya gatandatu: Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2018-2019 (Budget Execution Q2 2018-2019);

Icyemezo N^{0} 07/NDC/01/2019:

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ishyirwa mubikorwa ry'ingengo y'imari basanze igeze kuri 36%, Inama Njyanama imaze gusanga ishyirwa mubikorwa rikiri hasi, yasabye Komite Nyobozi kwihutisha itangwa ry'amasoko kugirango ingengo y'imari ishyirwe mubikorwa nkuko bikwiye kandi kugihe.

Inama Njyanama yashojwe Saakumi n'iminota mirongo ine (16h40) Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira ibitekerezo byatanzwe.

MUKURIZEHE Annualite
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyagatare

ATUKUNDA RUKEEBA Chantal
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Nyagatare

Scanned by CamScanner